
# HAYA

## Imbwa y'inyabwoba




Umwanditsi Mujawase Jeanne D'Arc


Uwashushanyije  Kabandana Pacifique

**©2021 Imanzi Press**


Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa nta gice k'iki gitabo kigomba gutuburwa, kubika cyangwa guhererekanywa ku buryo ubwo ari bwo bwose nta ruhushya rwanditse rw'abacyanditse.



Haya igira ubwoba, nyizi kuva ari ikibwana Iyo ibonye indi mbwa yirukira hafi yanjye irandeba, isa n'insaba kuyitabara.




Iyo ngiye kwiga irankurikira igashaka kunyicara hafi, munsi y’intebe, ariko mwarimu ansaba kuyisohora.



Iyo mwarimu ayisohoye yirukira inyuma y'ishuri ikajya indebera mu madirishya, siyo ibona isaha yo gutaha igeze, tugataha!




Papa yansabye kujya nyuhagira kugirango itazarwara imbaragasa zikadutera amavunja.




Ku ishuri, Haya igira ubwoba; iyo umwarimu atonganije umunyeshuri, isohoka yiruka, ariko ntitinda kugaruka kuko no hanze irahatinya.



Iyo turi imuhira ikintu kigakoma hanze, Haya yirukira ku rugi ikarushima, nakingura ikirukira munsi y'igitanda cyanjye.




Haya iherutse kubona indi mbwa yagonzwe n’imodoka yambuka umuhanda, ihita ishaka ko nyiterura.



None yatinye no gusohoka mu nzu. Haya n'umuyaga uyitera ubwoba.



Iyo dushonje, Haya intanga kugabuza.



Haya ni imbwa y'inyabwoba, nsigaye nyiseka; ubwoba bwanjye ndabuyisigiye izabanze yige kumoka.